




Minisiteri y'Ubuhanzi
n'Ubworozi

UBWOROZI BW'INKWAVU



Ikungahaze

Nzeri , 2015



UGUSHIMIRA

Turashimira abagize uruhare mu iyandika ry’ aka gatabo bose:

- Abakozi b’ ikigo cy’igihugu gishinzwe guteza imbere ubuhinzi n’ubworozi “RAB”
- Umushinga SPATII wa BTC,
- Abakozi b’ikigo gishinzwe gukusanya no gusakaza amakuru ku buhinzi n’ubworozi “CICA”.



Ubworozi bw'inkwavu

Urukwavu ni itungo rigufi ryororoka cyane kandi vuba, ntirucuranwa n'abantu ibiryo kuko rushobora gutungwa n'ibyatsi, byaba bibisi cyangwa byumye.

Ubworozi bw'inkwavu bworoshye kubukora ndetse buba bwiza cyane kubafite amikoro make n'intege nke.

Ubworozi bw'inkwavu bufite agaciro mu miberereho y'abanyarwanda kuko butanga umusaruro uhagije mu gihe gito kandi ku buryo bworoshye:

- Ntibutwara amafaranga menshi kandi imirimo yabwo ntivunanye,
- Inyama z'urukwavu zikungahaye ku ntungamubiri
- Inkwavu zitanga ifumbire nziza kandi nyinshi,
- Inkwavu ntizororerwa ahantu hanini

Ubworozi bw'inkwavu bugoboka vuba ababwitabira bityo bagashobora kwivana mu bukene .

Amoko y'inkwavu aboneka mu Rwanda

Mu Rwanda hari amoko atandukanye y'inkwavu, iryo tandukaniro rigaragarira ku mabara ,ku musaruro, ku biro urukwavu rupima ndetse no guhangana n' indwara.

Inkwavu zigaragara mu Rwanda ni izi zikurikira:

Newo zelande:

- Ni urukwavu rufite ubwoya bwera ku mubiri hose,
- Urwo rukwavu iyo rukuze rupima hagati y'ibiro 4na 4,5.
- Ruroroka, rubayara hagati y'abana 6-7 rugacutsa 6.
- Rugira amaso yiganjemo ibara ritukura.



Urukwavu rwa Newo zelande

Kaliforuniya

- Urukwavu rw'umweru rugira amabara y'umukara ku matwi,ku maguru,ku murizo no ku munwa.
- Rubyara abana bazima hagati ya 7-8 rugacutsa 7.
- Urukwavu rw'ubu bwoko rukuze rushobora gupima ibiro 3,6.

Kaliforuniya



Inyarwanda

Ubwoko nyarwanda bugira amabara atandukanye ntibukunze kurenza ibiro 3 ariko bushoboye kurwanya indwara no guhungabana.



Inyarwanda

Imyororere y'inkwavu

Inkwavu zororerwa mu kiraro cyubatse neza gifite isuku kandi zikagaburirwa mu buryo bukwiye kugirango zirusheho gutanga umusaruro.

Kubaka ikiraro

- Akazu inkwavu zibamo kagomba kuba nibura kicaye kuri cm 75 uvuye ku butaka.
- Agasanduku kagomba kuba gafite : ibipimo bikurikira :
 - Uburebure : m 1
 - Ubugari: Cm 75
 - Ubuhagarike: Cm 55




Utuzu inkwavu zibamo

Inzu igomba kuba nini ukurikije umubare w'inkwavu zizabamo:

- Urukwavu rumwe rukuru rugomba kuba nibura mu mwanya uri hagati ya **metero kare 0,6-0,7**
- Urukwavu rucutse ruba mu mwanya nibura wa **metero kare 0,1**

Akazu gato cyane gatuma inkwavu zidindira ntizikure neza, kandi ntizigire ubuzima bwiza.



Urugero rw'akazu kabereye urukwavu

- Inzu y'inkwavu igomba kujiyamo umwuka, ariko ikaba ikingiyeye neza umuyaga.
- Inkwavu zigomba kubona urumuri., **kubura urumuri bituma inkwavu** zanga kubangurira cyangwa kubangurirwa zikagabanya uburumbuke bwazo.
- Kugirango urumuri rwinjire mu kiraro, urugi rugomba kuba rukoze mu mukwege (akayungiro).



Urugi rwo ku kazu k'urukwavu rugomba kuba rutanga urumuri

Urukwavu ni itungo rigomba ituze kugirango rwororoke kandi rugire ubuzima bwiza.

Ibibuza inkwavu amahoro cyane cyane ni: **urusaku rukabije,** **ibisimba** cyangwa amatungo azirya (imbwa, imbeba)

Isuku

- Isuku ni ingenzi cyane kugira ngo ubworozi bw'inkwavu bugire akamaro.
- Urukwavu ntirugomba kurerwa n'imiti.
- Umworozi agomba kurukingira mbere yuko rurwara.
- Akazu k'urukwavu kagomba iteka guhorana isuku.
- Isuku mu kazu ikingira inkwavu nyinshi nko guhitwa ibitukura n'ubuheri biterwa n'umwanda.

Ni byiza gukora isuku mu Kiraro cy'inkwavu



- Akazu kagomba gusukurwa bihagije.
hagomba rero:
 - Ibyo bubakisha akazu bishobora guterwa umuti;
 - Kwirinda inguni zishobora guhisha ibiriririzi (udusimba)
 - Mu kazu hasi hagomba gutuma amahurunguru n'inkari binyuramo, ni ukuvuga kuba ari umukwege cyangwa ibiti bitegeranye hagati yabyo harimo Cm 1,5;
 - icyo ziriramo ibyatsi zitabyanduza;
 - icyo ziriramo n'icyo zinyweramo byozwa buri muni,
 - Urugi runini rutuma basukura neza hose.


Ibikoresho bishyirwa mu kazu k'inkwavu

Icyo ziriramo

- Umworozi ashobora kugikora mu giti, mu ibumba cyangwa agakombe
- Umworozi ashobora kubaka ku rugi inyuma y'akazu k'inkwavu cyangwa ku rukuta imbere y'akazu k'inkwavu kugira ngo ashobore guhindura ubwatsi no kugabura ibiribwa bikize ku bitunga inkwavu (imvange y'ibiribwa) cyangwa ibisigazwa byo mu gikoni (ibishishwa.....).

Icyo zinyweramo

- Gishobora kuba agakombe umworozi akagafatisha k'urukuta rw'akazu kugira ngo urukwavu rutayamena.



Kugaburira inkwavu

Kugira ngo ikinyabuzima gikure, kigire ubuzima, cyororoke, kigire icyo gitanga kandi kirwanye indwara, gikenera amazi n'ibiribwa.

Bimwe mu by'ingenzi urukwavu rurya.

- **Ibyatsi nka:** kimari, Inyabarasanya, Amasununu, Igifuraninda, imigozi y'ibijumba, igicumumucumu, urwiri, setaria, tripsacum, urubingo,



Kugaburira inkwavu ibyatsi bibisi

- **Ibibabi by'ibinyamisogwe:** ubunyobwa, soya, ibishyimbo, amashaza, mukuna, desmodium
- **Ibyatsi byumye:** ibibabi by' ibigori, iby' ingano , ubwatsi bwumye , ibishishwa by'amashaza n' ibishyimbo
- Amakoma acagaguye
- Ibibabi by'amashu, karoti;

Ibisigazwa byo mu gikoni ariko ukareba neza ko nta macupa yamenekeyemo cyangwa ikindi cya komeretsa urukwavu mu kanwa.

Ibyo bisigazwa bigomba kuba bifite isuku kandi bitarahuguta.



Ushobora no kugaburira inkwavu ibyatsi byumye

Kimwe n'abantu urukwavu rukeneye guhindurirwa indyo kugira ngo rukure neza.

Ni byiza kongeraho kubyatsi inkwavu zirya **son de riz**, Ibinyabijumba, Impeke (bibashije kuboneka), umuceri utetse wasigaye;

Urukwavu rukoresha neza ibyatsi ariko kandi na none ruha agaciro ibiribwa bikize mu bitunga umubiri.

Umworozi ushaka kunguka cyane(kubona abana benshi kandi bakura vuba) mu bworozi bwe, ashobora kugura cyangwa ubwe akikorera imvange y' ibiribwa bikize ku bitunga umubiri ahereye ku byo agura cyangwa yihingira.

Muri icyo mvange hagomba kuba harimo:

- Ibiribwa bitera imbaraga
- Ibyubaka umubiri
- Za vitamini n' imyunyu

Dore ingero z'imvange nziza zitaruhije gukora umworozi yakwifashisha:

1) Ibigori bisekuye :Ibiro 3,5
Amasaka asekuye :Ibiro 3,5

Turto (ubunyobwa cyangwa ibihoke): ibiro 3

Umunyu, Ishwagara, Ifu y'amagufa :garama 300

2) Ibigori bisekuye : Ibiro 4
Igiheri cy'umuceri : Ibiro 4
Soya ikaranze : Ibiro 2
Umunyu, ishwagara : garama 300

Izi ngero tumaze kubona, umworozi azikoresha ashaka ibiro 10 by'imvange y'ibiribwa bikize ku bitunga umubiri.

Imvange y'ibiryo igaburirwa bitewe n'icyiciro urukwavu rurimo.

Inkwavu zikiri nto zikeneye kugaburirwa indyo ikungahaye ku byubaka umubiri (soya,ubunyobwa)

Urukwavu rukuze rukenera cyane indyo ikungahaye kubitera imbaraga (ibigori)

Kugirango umworozi agaburire neza inkwavu ze agomba:

- Kuziha ibyatsi byinshi binyuranye. Iyo bivanze bituma inkwavu zirya cyane.



-

Kugira ngo rwororoke cyane, Urukwavu rucyenera kugaburirwa imvange

- **Kuziha ibyatsi bitemye byumutse.** Umworozi abyanika igihe gito kugira ngo byumuke kuko iyo bitose cyangwa byarahuguse, bishobora gutuma inkwavu zimererwa nabi, igifu ntigikore neza. Iyo abyanika, umworozi abishyira mu gicucu amaze kubisanza ahantu humutse.
- **Kuziha ibyatsi byinshi:** inshuro 2 cyangwa 3 mu munsi kandi ku masaha amwe buri gihe.
- **Kwitondera ibyo agaburira urukwavu:** ibyatsi bimwe byica inkwavu: **ikibonobono, umukoni, umutambashi, umuyenzi, akaziranyo, inkarambwe, umwishywa...**
- Guha inkwavu cyane cyane izonsa iteka amazi meza kandi afutse.

Imyororokere y'inkwavu

Kubangurira


- ✓ Muri rusange urukwavu rubangurirwa ubwa mbere rufite amezi 5,
- ✓ Imfizi itangira kwimya ifite ameze atandatu(6),
- ✓ Urukwavu ruhaka ukwezi 1
- ✓ Urukwavu rwonsa ukwezi mu bworozi bwa kijyambere, naho mu miryango isanzwe rukonsa abiri;
- ✓ Urukwavu rwongera kubangurirwa nyuma y'amezi atatu.

Mu gihe inkwavu nyarwanda zigaburirwa ibyatsi gusa zidashobora kubyara inshuro zirenze 4 ku mwaka, inkwavu zigaburirwa ibiryo mvaruganda zishobora kugeza ku mbyaro 5 mu mwaka kuko igihe cyo kongera kuzibangurira kigabanuka(abana bacuka vuba,kuko bagaburirwa iyo ndyo ikungahaye ku ntungamubiri).

Uburyo urukwavu rubangurirwa

- Igihe cyo kubangurira urukwavu,umworozi niwe ukigena kuko urukwavu ntirurinda nk'ayandi matungo.
- Iyo inda y'amaganga itukuye,kaba akarusho mu kugaragaza igihe cyo kubangurirwa nyacyo.
- Urukwavu rubangurirwa mu gitondo kare cyangwa ku gicamunsi bugiye kwira kandi bikabera mu cyumba cy'imfizi.

*Injiza inyagazi(isumba) mu kiraro cy'impfizi ubanje
inda y'amaganga'*





*Iyo rurangije kubangurirwa(iminota itanu irahagije),
rusubizwa mu kazu karwo.*


Umubare w'inyagazi ku mfizi:

- Impfizi imwe irahagije ku nyagazi ziri hagati ya 10 na 15 ariko ibyiza ni uguteganya impfizi 2 kugirango zijye zisimburana,
- Impfizi imwe yimya inshuro zitarenze ebyiri ku munsikandi iminsi itarenze 4 mu cyumweru.
- Mu kwezi kwa mbere rukoresha buhoro buhoro kuko rutarakomera.

Gusuzuma niba urukwavu rw'inyagazi rwafashe

- Nta bundi buryo bushoboka uretse gukanda kunda hagati y'iminsi 10 na 14 urukwavu rumaze kubangurirwa (kurukanda bigomba gukorwa buhoro cyane kugirango rutaramburura),
- **Andika itariki wabanguriyeho urukwavu,**

IFISHI Y'URUKWAVU RW'URUGORE	
 <p>ANDIKA ITARIKI WABANGURIYEHO</p>	 <p>ITARIKI YO GUTEGURA ICYARI</p>
<p><u>Urugero:</u> Rwabanguriwe kuwa 7/10/2015</p>	<p><u>Tegura icyari mbereho iminsi ibiri(2) cyangwa itatu(3) y'uko urukwavu rubyara.</u></p>



- Iyo umworozi asanze rudahaka yongera kurubangurira bundi bushya.

Mu gihe urukwavu rwafashe(ruhaka):


- Itwararike ko urukwavu rutabura amazi,
- Gaburira neza urukwavu ruhaka.

Kubyara

Urukwavu rubyara hashize iminsi mirongo itatu (30).

Gutegura ikiraro

- Mbere y'uko urukwavu rubyara tegura ikiraro ruzabyariramo byibura mbere y'iminsi hagati y'ibiri(2) n'itanu(5).
- Sukura neza ikiraro, usasemo utwatsi tworoshye kandi twumutse tudahanda.
- Tera umuti wica udukoko mu kiraro,
- Tegura neza icyari inkwavu zizavukiramo kuko zivuka ntabwoya zifite ni ngombwa rero kuzirinda icyazibangamira cyose.



Gusasa utwatsi tworoshye mu cyari inkwavu zizakuriramo

Igihe cyo kubyara

- Hasigaye iminsi mike ngo rubyare, urukwavu rwipfura amoya yo ku nda rukayasasa kuri cya cyarire,



Hano urukwavu rwipfuye ubwoya mbere yukubwira

- Urukwavu ntirukenera gufashwa mu gihe cyo kubyara ahubwo rukenera umutuzo n'isuku.
- Gusuzuma icyari bikorwa akanya gato nyuma yo kubyara; umworozi yigizayo urukwavu kugira ngo avanemo ibyana byapfuye cyangwa imiziha urukwavu rutabashije kurya.



Gusuzuma ikiraro bigomba gukorwa buri munsi kuva ku munsi wa mbere rukimara kubyara kuko impfu ziba nyinshi(ubusanzwe 20% ni mubare muke ariko hari igihe uwo mubare ushobora kugabanuka ukagera kuri 12%).



Inkwavu zikunda ituze, cyane cyane mu gihe cyo kubangurira, guhaka no kubyara.

Kureresha urukwavu abana b'urundi rwabyaye benshi cyangwa rutakiriho

Mu gihe hari inkwavu zagize ikibazo nyina igapfa ushobora kuzireresha kurundi:

- Umubare w'abana ruhabwa ntugomba kurenga 3;
- Abo bana bagomba kuba batarengeje iminsi 5 bavutse;
- Abo bana n'abo bazabana ntibagomba kurutanwa iminsi.

Gucutsa

- ✓ Hagati y'ukwezi n'igice(1.5) n'amezi 2 abana b'inkwavu bavutse bose bavanwa kuri nyina umunsi umwe bagashyirwa mu biraro bisukuye ku mubare ungana na 7-8 muri buri kiraro.
- ✓ Mbere yo gucutsa inkwavu ni ngombwa kuziha umuti w'umuzimire (***impiswi y'ibitukura bita kogisidiyoze***),uwo muti ugakomeza gutangwa iminsi 5 yuzuye.



Kirazira gushyira inkwavu zacutse aho zitisanzuye kuko bigabanya kororoka

- ✓ Nyuma yo gucuka kugeza igihe cyo kugurishwa; ni ukuvuga amezi 5-6, inkwavu zitungwa n'ibyatsi cyangwa ibinyampeke.
- ✓ Nyuma yo gucutsa , urukwavu ruhita rubangurirwa.

Iyo inkwavu zigomba kurenza icyo gihe cyo kubaho, bitewe n'impamvu zitandukanye z'umworozi, nko kuba zaratoranijwe kuzaba imbyeyi, cyangwa se zikaba zitabonerwa isoko ngo zigurishwe buri rukwavu rushyirwa ukwarwo iyo ari amasekurume cyangwa zigakonwa kugira ngo zikomeze zororwe hamwe kimwe n'amashashi.

Ibigenderwaho mu gutoranya imbyeyi zizakomeza mu bworozi

- Kwipfura, kurinda abanabarwoneza no kubarwanaho;
- Kubyara abana bazima benshi
- Gucutsa abana benshi, hapfuye bake;
- Gucutsa abana bafite ibiro bishimishije;
- Kutagira amahane.

Gutoranya imfizi

Imfizi igurwa ahandi mu zindi nkwavu kugira ngo hatazavuka ikibazo cy'amacugane.



Kumenya umubare w'inkwavu zorowe



- Kwambika urukwavu amaherena biba ngombwa
- Aborozi basanzwe bakoresha impapuro zigaragaza ubuzima n'imyorokere ya buri nyagazi cyangwa se buri mfizi iri muri buri kiraro kugirango hamenyekane neza umubare w'inkwavu ziri muri buri kiraro.

Ibyo byandikwa ku ifishi ikamanikwa kuri buri kiraro cyangwa se icyo fishi ikabikwa niba hari ikibazo cyo kunyagirirwa hanze cyangwa se kwangirika, icyo gihe buri kiraro gishyirwaho inomeru.

Ibigomba kwandikwa ku ifishi ni ibi bikurikira:

- Inkomoko (inkwavu rwakomotseho)
- Ubwoko bw'urukwavu,
- igihe rwavukiye,
- igitsina,
- inomeru iruranga,
- umubare w'inkwavu zororewe mu kiraro,
- inshuro rumaze kubyara niba ari inyagazi
- ubuzima ,...

Amashashi azasimbura inyagazi zishaje atoranywa mu gihe cyo gucutsa niyo mpamvu biba ngombwa gukoresha ifishi izafasha muri iryo robanura.

Ubuzima bw'urukwavu

Kimwe no mu bundi bworozi urukwavu rukenera ubuzima buzira umuze kugira ngo rurusheho gutanga umusaruro ukwiye.

Urukwavu rufite ubuzima bwiza ruba rugaragaza ibimenyetso bikurikira:

- ✓ Ijisho rikerebutse n'urwoya ruryamye kandi ruyaga;
- ✓ Amatwi ahagaze nta gihushi kiriho ;
- ✓ Rutagaragaza akamyira ku mazuru;
- ✓ Amaboko n'inda y'amase bifite isuku



Uko basuzuma urukwavu



Urukwavu rugomba gufatwa buhoro n'ubwitonzi, ntabwo rugomba gufatwa amatwi gusa



Urukwavu rufatwa ku ruhu rw'mugongo rw'igikanu cyangwa rw'urutugu ukundi kuboko kugafata utuguru iyo ari urukwavu rugira amahane.



Mu gihe usuzuma urukwavu ugomba kureba neza uko rugaragara inyuma ukita kuri buri gice cyigize umubiri warwo kugirango urusheho gusobanukirwa ibijyanye ni ubuzima bwarwo.

Gufata umuriro urukwavu ndetse no gusuzumisha ibizamini muri laboratwari bifasha umworozi n'umuvuzi w'amatungo kumenya kuburyo bworoshye kandi bukwiye uko ubuzima bwarwo buhagaze kandi rukaba rwavurwa mu buryo bworoshye mu gihe rwagaragaje indwara.

Indwara z'inkwavu

Hari indwara zitandukanye mu bworozi bw'inkwavu, ariko zikunda kugaragara cyane ni izi zikurikira:

IMPISWI

Impiswi ni indwara ikunze kwibasira inkwavu cyane zicutse ziri hagati y'ukwezi 1 n'amezi 2. Iyo ndwara irazica cyane niyo zibayeho zikura nabi.

Impamvu zitera impiswi y'inkwavu:

- *Ubwatsi bwanduye , indyo imunzwe;*
- *Mikorobi na virus zandura;*
- *Mikorobi zisanzwe ziba mu mubiri ari nkeya zikorana nawo, ariko zishobora guhinduka umubiri kubera ko wacitse intege cyangwa wahinduriwe uburyo bwo kubaho;*
- *Agakoko kitwa kokisidi (coccidie)*

Ibimenyetso byayo: inkwavu zibanza kunanirwa kurisha ,mu minsi itatu ya mbere hanyuma zigatangira guhitwa; ariko uko guhitwa ntikugaragara cyane usibye kubona inyuma handuye. Nyuma y'iyi minsi niho guhitwa bigaragara neza,

Imiti irwanya kokusidiyoze (coccidiose)akeshi ihagarika n'ibindi bibazo by'impiswi.

Sulfadimethoxine (sulifadimatozine):0,5-0.7g/l ikoreshwa mu kuvura indwara: 0.25g/l ikoreshwa mu kurwanya indwara.

Sulfaquinoxaline (sulifakinozaline):1g/l ikoreshwa mu kuvura indwara :0.5g/l ikoreshwa mu kurwanya indwara.



INZOKA ZO MU NDA

Inzoka zo munda nazo zikunda gutera ibibazo nkibyo twavuze haruguru .

Uburyo bwo kuzirwanya:

- *Kwirinda kwahira ubwatsi ahantu hakunze kugenda imbwa;*
- *Kwirinda kwahira ubwatsi hari ikime;*
- *Kwanika ubwatsi akanya gato mbere yo kubuha inkwavu;*
- *Kumanika ubwatsi bugaburirwa inkwavu mu kazu kazoo kugirango zitabwanduza;*
- *Gukora isuku mu kazu;*
- *Gutanga imiti y'inzoka.*

Imiti myiza ni iverimekite(Ivermectin) ,levamizole (levamisole), Amporoliyumu (Amprolium).

Inkwavu zigomba guhabwa umui wo kuzirinda inzoka buri mezi atatu.

INDWARA ZO MU MYANYA Y'UBUHUMEKERO

Ibimenyetso by'izo ndwara ni ibi bikurikira: urukwavu ruta ibimyira, riritsamura buri kanya ,rwishima ku zuru rukoresheje utuguru tw'imbere.

Nyuma y'iminsi itatau, utwo ducurane twari utuzi duhinduka umuhondo.

Hakurikiyeho inkokorora, kandi hashobora kuziramo n'umusonga, impiswi, ibibazo by'amaso, sinuzite (sinusite), umuhaha n'ibindi.

Impamvu zikunze gutera iyo ndwara:

- *Ubukonje*
- *Umukungugu*
- *Umuyaga*
- *Mikorobi*
- *Virusi.*



Uburyo bwo kuyivura

- *Hakunzwe gukoreshwa imiti nka:*
- *Tetracycline(soma tetrasilikine)*
- *Chloremphénicol(soma koloramfenikoro)*
- *Sulfadimetoxine(soma silifadimetozone)*

UBUHERI BWO MU MATWI NO KU MUBIRI

Udukoko twitwa psoroptes(soma pusoropute)cyangwa chorioptes(soma koryopute) nitwo tiyitera. Hshobora kwivangamo na mikorobi, bikazana ibikoroto n'umwanda byuzura mu guti ku buryo kuremera urukwavu rukaruhengeka.

Kuyivura:lyo indwara ivurwa igitangira,naho ubundi iranarirana:Imiti ikunze gukoreshwa ni:

- *Ivermectine(soma iverimekitine)*
- *Malathion(soma malatiyo)*
- *Glycérine(soma giliserine) cyangwa amavuta arimo iyode(huile iodée)*
- *DDT,Lindane*
- *Guhindura icyari kenshi.*



IBIHUSHI


Iyo ndwara ntiboneka kenshi ariko kuyivura biratinda kandi iteza igihombo kuko imiti yayo ihenda.umuti ukunze gukoreshwa ni griséofulvine(soma gilizewofilivine)



UMWANZURO

Ubworozi bw'inkwavu ntibuvunanye, butanga umusaruro vuba kandi bugirira akamaro ubukoze akabona ifumbire, indyo yuzuye ndetse agasagurira isoko akikungahaza muri byinshi.

Ni byiza korora inkwavu ndetse nandi matungo magufi





NOZ'UBZ
Noza Ubuhinzi n'Ubworozi

Shakisha hano...

Murugo Abo turibo Twandikire Ikinamico

POST: NATURE BEAUTY ADD YOUR DESCRIPTION HERE



Ubuhanama mu buhinzi



Hamagara / SMS
MINAGRI 4127



Amakuru ku biciro

Uru rubuga muruganyijeho n'ibyo cyane Minatari y'ubuhinzi n'ubworozi gashyamba no gukaza amakuru ku buhinzi n'ubworozi.

[Icapiro](#)

Imprimerie Papeterie Moderne

B.P.: 2345 Kigali, Tél: (+250) 0788531590 / 0788305334

USHAKA IBINDI BISOBANURO WABARIZA AHA HAKURIKIRA

Ku rubuga rwa interineti :
www.noz'ubz.minagri.gov.rw

CICA / MINAGRI



Tel: 4127

RAB



Tel: 4675